REPUBLIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°02/2018: **Taliki ya 11–20 Mutarama 2018**

Ryoherejwe kuwa 22 Mutarama 2018

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu 11-20_Mutarama_2018; cyagaragaje imvura iri ku kigero gisanzwe ugereranyije n'isanzwe igwa mu Rwanda cyane cyane mu gice cy'uburengerazuba bw'Amajyepfo.
- **Amashusho y'icyogajuru agaragaza ububobere bw'ubutaka kubera imvura yabonetse** mu gihugu hose mu gice cya mbere n'icya kabiri Mutarama_2018
- **21-31_Mutarama_2018;** hateganyijwe **igabanuka ry'imvura** mu bice byose by'igihugu.

I. Iriburiro

Mu gice cya kabiri cya Mutarama_2018; cyagaragaje imvura iri ku kigero gisanzwe ugereranyije n'isanzwe igwa mu Rwanda cyane cyane mu gice cy'uburengerazuba bw'Amajyepfo kubera ububobere bw'Ishyamba rya Nyungwe bwateraga ibicu biremereye muri ako gace.

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye mu 11-20_Mutarama_2018 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Mutarama_2018	11-20_Mutarama
Kigali	49.9	22.1
Rusizi (Kamembe)	52.4	41.5
Rubavu (Gisenyi)	17.2	29.8
Nyamagabe (Gikongoro)	125.5	44.1
Ngoma (Kibungo)	11.3	21.9
Gicumbi (Byumba)	48.4	24.3
Bugarama	41.1	37.0
Musanze (Ruhengeri)	23.4	23.7
Gitega	36.8	28.8
Rubengera	9.6	39.2
Byimana	97.8	31.4
Kawangire	25.6	21.7
Nyagatare	10.3	12.5

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye mu 11-20_Mutarama_2018 ndetse imvura isanzwe igwa muri iyo minsi. Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu 1-10_Mutarama_2018 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki.

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Mutarama_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Mutarama



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 1-10_Mutarama_2018



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 1-10_Mutarama



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu 11-20_Mutarama_2018 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu 01-10_Mutarama_2018; cyagaragaje imvura nyinshi kubera imiyaga yerekezaga hejuru ya Madagasikari; igatuma ububobere buganayo burema ibicu biremereye mu gace k'imisozi y'u Rwanda (reba **Ikarita3&4)** naho igiteranyo cy'imvura yabonetse mu 11-20_Mutarama_2018; hagaragaye gucika intege kw'iyo miyaga uretse ahegerye amashyamba nka Nyungwe hakomeje kuboneka imvura kurusha ahandi mu Rwanda (reba **Ikarita3&4** ndetse **n'Imbonerahamwe1**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Mutarama.2018 igice cya mbere



Ikarita7: Mutarama.2018 igice cya kabiri

Kuva taliki ya 1 kugeza 20_Mutarama_2018; gukomeza kugwa kw'imvura y'Urugaryi ryatumye ubutaka bubona kandi bukanagumana ububobere mu bice byose byo mu gihugu (reba **Ikarita 5&6**)

Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Mutarama_2018

Mu gice cya gatatu cya Mutarama_2018; hateganijwe imvura izagabanuka mu bice byose by'igihugu cyane cyane mu bice by'uburasirazuba, mu gihugu hagati, ndetse n'amajyaruguru hy'igihugu

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)